N°SPECIAL KANAMA 2008

E-mail: fondationgong@yahoo.fr **Home page:** www.rud-urunana.org
Comité de Rédaction/Inama y'Ubwanditsi :
Editeur Responsable……: *Fondation le Gong de la Conscience*
Directeur de Publication : *Christite Muhereza*
Redacteur en chef……. : *François Xavier Ntezirizaza*
Secrétaire de Rédaction…: *Pierrette Niwemugeni*

IRIBURIRO:

→ *Impunzi zo muri Kongo zemewe n'amahanga.....2*

IMIGABO N'IMIGAMBI BYA RUD-URUNANA:

→ *Gutanga intwaro ntibivuga kureka urugamba: F. Kanyamibwa.....3*
→ *Kigali ihembera intambara n'ubushyamirane mu karere: Jenerali Major Musare.....6*

ABATWANDIKIYE:

→ *Kugabana ubutegetsi: Umuti w'ikibazo cya Politiki kiri mu Rwanda.....8*

IRIBURIRO

Impunzi zo muri Kongo nazo zemewe n'amahanga.

-Christite Muhereza-

Mu mwaka w'i 1994, mu Rwanda habaye amahano aturutse ku ntambara yari yarashojwe muri 1990 n'abahoze ari impunzi zitwaga iza 1959. Abashoje iyo ntambara, bari bagamije kwisubiza ubutegetsi bari barambuwe n'abaturage binyuze mu matora yiswe aya Kamarampaka yabaye kuwa 25 Nzeri 1961. Icyo gihe ubutegetsi bwa gihake n'ubwa gikolonize bwahawe akato maze hashingwa ubwa demokarasi bushingiye kuri Repubulika y'u Rwanda rwigenga.

Tugarutse kuli ayo mahano yabaye mu Rwanda mu bihe by'intambara FPR-Inkotanyi yagabye ku baturage, benshi mu bavuga ukuri bemeza ko igihugu cya Uganda cyahaye intwaro impunzi maze zitera u Rwanda, igihugu zakomokagamo.
Iyi ntambara yaranzwe n'umujinya w'umuranduranzuzi n'urwango rukomeye ku Banyarwanda bari imbere mu gihugu, niyo izo mpunzi zo muri 1959 zirangamiwe imbere na Jenerali Kagame, zaje gukoramo itsemba tsemba mu Rwanda.

Burya igihe n'ibihe byacyo!
Kuwa 31 Nyakanga 2008, ahitwa i Kasiki ho muri Kivu y'amajyaruguru, impunzi z'Abanyarwanda hamwe na bamwe mu barwanyi bo mu mitwe ya politiki RUD-Urunana na RPR biyeretse amahanga bashyikiriza Leta ya Kinshasa intwaro. Muri uwo muhango kandi, bamwe mu barwanyi n'impunzi binjiye inkambi ku mugaragaro.
Iki gikorwa cya RUD/RPR ku ruhande rumwe, n'icya Leta ya Kinshasa ku rundi ruhande bijya mu cyerekezo cy'amahoro. Ubu bufatanye buruta kure ubwo Leta ya Kampala yagiranye n'impunzi zari zibumbiye mu mutwe wa FPR-Inkotanyi yari icumbikiye bagambiriye kumena amaraso mu Rwanda.

Tumenye neza ibibera i Kasiki n'icyo bigamije.
Kuva impunzi z'Abanyarwanda zagera mu cyahoze cyitwa Zaire muri 1994, bubaye ubwa mbere izo mpunzi zemerwa n'igihugu kizicumbikiye ndetse n'amahanga. Iki ni igitego gikomeye mu rwego rwo kurengera ubuzima n'imibereho y'impunzi zari zimaze imyaka cumi n'ine (14) mu mashyamba, ababyeyi babyarira mu bihuru, abana badahabwa inkingo, abana batiga, izo mpunzi zitavurwa, n'ibindi...

Impunzi zivugwa i Kasiki zigiye guhabwa ibyangombwa by'ubuhungiro kandi zituzwe mu makambi yitabwaho n'imiryango mpuzamahanga.

Ku birebana n'uburenganzira bw'impunzi nkuko biteganywa n'amategeko,
uwazashaka gutaha mu Rwanda yabikora ku bushake kandi ku giti cye. Icyo gihe kandi, hari ingamba zafashwe kugira ngo abazataha, inzego za FPR zitazapfa kubarigisa nk'uko zakunze kubigenza kuva ifata igihugu na magingo aya.

Mubyo RUD/RPR yasabye ko byitabwaho, harimo ko abatazahitamo gutaha bazabona imfashanyo mu gihe cy'umwaka wose kugira ngo bashobore gufata intera bazashingiraho bibeshaho. Mu biteganyijwe harimo kubaka amavuriro n'amashuri ndetse n'ibigo byigisha abatazi gusoma no kwandika.

Iki kimenyetso cy'Amahoro RUD/RPR yeretse amahanga cyongera gusobanurira Abakongomani ko impunzi n'ubusanzwe zitari zaraje gusahura igihugu cyabo nkuko ingabo za Kagame (RDF) zibigenza.
Bizarushaho kumvikana neza ko gufata imiheto kw'impunzi z'Abayarwanda byagiye bikorwa kandi ko bizakomeza gukorwa gusa mu rwego rwo kwirwanaho.

Nkuko byagarutsweho na Dogiteri Félicien Kanyamibwa i Kasiki kuwa 31 Nyakanga 2008, igikorwa cy'amahoro cyo gutanga intwaro ntabwo gikwiye kwitiranywa no kuvirira urugamba rwo kubohoza u Rwanda.

Iyi mvugo ya politiki ya Dr Kanyamibwa, Umunyambanga mukuru wa RUD-Urunana, akaba n'umuhuzabikorwa w'Inteko y'igihugu iharanira Demokarasi (Conseil National pour la Démocratie –CND-), yongeye gushimangirwa n'Umugaba mukuru w'Ingabo za RUD/RPR, Jenerali Major Musare. Umugaba mukuru w'Imboneza yabwiye abahagarariye ibihugu byabo muri Kongo, abayobozi ba Leta ya Kinshasa ko "intambara n'ubushyamirane byaranze akarere dutuyemo bihemberwa na Leta ya Kigali. "

Birakwiye ko igikorwa cya politiki y'amahoro RUD/RPR yatangiye ikacyerekanira i Kasiki imbere y'amahanga, cyaba ikitegererezo no ku bandi bakora politiki mu Rwanda no hanze.
Kiriya gikorwa gihamagarira Leta ya Jenerali Kagame gufungura imiryango impunzi zigataha mu cyubahiro, ni icyo gushyigikira. Gutaha kw'impunzi nkuko byongeye kugarukwaho na Dr Félicien Kanyamibwa, ntabwo ari ukugaruzwa umuheto. Itahuka ry'impunzi kimwe n'ibindi bizarikurikira bigomba kuzabanzirizwa n'ibiganiro bya politiki (Dialogue Inter-Rwandais) byo bizasobanura uko abantu bazasubizwa ibyabo byafashwe n'abasirikare ba APR bavuye i Bugande, imiterere y'inzego nshya zizayobora u Rwanda, gufatira umwanzuro ntakuka ikibazo cy'akaga kabaye kuva muri 1990 kugeza ubu na ba Nyirabayazana bako, no gushyiraho igisirikare, Polisi n'inzego z'umutekano bishya bihuriwemo n'impande zose kandi bibungabunga umutekano wa buri Munyarwanda bidashingiye ku moko.

Intambwe ikomeye muri politiki yo guha agaciro impunzi y'Umunyarwanda yatewe na RUD/RPR. Niyo mpamvu tubona ko buri wese mu rwego aharaniramo ubwisanzure na demokarasi yagombye gufatiraho maze agakora ibishoboka impunzi z'Abanyarwanda ntizikomeze kwitwa amazina azambura icyubahiro agenda acurwa n'ubutegetsi bwa FPR n'abakozi bayo.

Gushyigikira ibikorerwa i Kasiki, ni ukuvuganira impunzi, ni ugukomeza inkundura yo gukumira Paul Kagame n'amacuti ye bamburwa impamvu bashyira imbere bagaba ibitero ku baturage ba Kongo.

Umunyarwanda uri mu gihugu nawe afite icyo yakwishimira ku ntera ya politiki RUD/RPR ikomeje gutera. Benshi bafite imiryango yabo bari baraburanye. Kuva izo mpunzi zizaba ziri mu nkambi, itumanaho rizashoboka nkuko bigenda mu bindi bihugu ku buryo ubutumwa bwa Croix Rouge buzajya bugera mu miryango aho iri mu Rwanda no mu makambi.
Bityo, ababuranye n'ababo bazashobora kumenya akanunu kabo.

IMIGABO N'IMIGAMBI BY'URUNANA

Gutanga intwaro ntibivuga kureka urugamba: Felicien Kanyamibwa.

Itangazo ryashyizwe ahagaragara mu gihe hatangizwaga igikorwa cyo gutanga intwaro.

Byahinduwe mu Kinyarwanda na Wilberforce .Mutima

Birashimishije cyane kuba nshoboye gufata ijambo hano i Kasiki mu muhango wo gutangira igikorwa cyo gutanga intwaro ku bushake bw'abasirikare ba RUD-Urunana na RPR bari muri Kongo.

Intangiriro y'iki gikorwa cyo gutanga intwaro, dusanga ari intambwe ikomeye kuri twe mu rwego rwo gushyira mu bikorwa ibyo twiyemeje i Roma kandi bikongera kwemezwa i Kisangani kuwa 26 Gicurasi 2008 n'Inteko y'Abaharanira Demokarasi (Congrès National pour la Démocratie –CND-), ihuriro rya RUD-Urunana na RPR rishobora kwakira abantu ku giti cyabo cyangwa imitwe ya politiki bagamije nabo iki gikorwa twatangiye. Ibi kandi tubikoze dushimangira icyemezo twafashe cyo gushyigikira amahoro n'umutekano mu karere k'ibiyaga bigari.

Ubuyobozi bwa politiki n'ubwa gisirikare kimwe n'abarwanyi ndetse n'abanyamuryango ba RUD n'aba RPR, aho bari hose ku isi, mu Rwanda no muri Kongo, bishimiye iyi ntambwe itazibagirana itewe igana mu cyerekezo cyiza, intambwe igana mu nzira y'amahoro.

Icyaduteranyirije hano uyu munsi, ni intangiriro y'igikorwa cyogutanga intwaro. Ni urumuri rw'amizero mu nzira y'amahoro. Ni ngombwa ko abaharanira demokarasi bishimira iki gikorwa cy'ubutwari bamaze kwemera barangamiye amahoro mu karere dutuyemo.

Mwe mwese barwanyi muharanira demokarasi, mukwiye kubishimirwa kuko ubutwari bwanyu butazibagirana mu mateka.

Nyamara ariko, ibi ntabwo twari kubigeraho iyo abantu bamwe batabyitangira, aha twavuga nka Perezida wa Repubulika Nyakubahwa Joseph Kabila Kabange watugaragarije ko ari umuyobozi uvuga ukuri. Turashimira rero tubivanye ku mutima umukuru w'igihugu cya Kongo, ko ibyo yaseranyije kugarura amahoro mu karere abigezeho. Aha turongera guhamya ko tuzamushyigikira muri gahunda yihaye yo kugarura amahoro mu burasirazuba bwa Kongo no mu karere kose.

Turashimira kandi Minisitiri w'ububanyi n'amahanga n'ubutwererane, Bwana Antipas Mbusa Nyamwisi wafashe iya mbere avanaho imiziririzo kuwa 24 Mutarama 2008, ubwo yasuraga abarwanyi ahitwa i Mbwamvinywa kugira ngo abashishikarize kwitabira kino gikorwa. Sinshidikanya ko iyo hataba ubutwari bwe, twe mu buyobozi bwa politiki n'abarwanyi dushima cyane, nta muntu wari kuba ari hano uyu munsi, ahari kubera mu ituze n'amahoro, igikorwa cyo gutanga intwaro.

Turashimira kandi "Eglise du Chirst au Congo-ECC-", cyane umwe mu bayobozi bayo Nyiricyubahiro Musenyeri Kuye Ndondo utarahwemye gushakira amahoro akarere dutuyemo, kandi akaba akomeje gukangurira abantu ibikorwa bifatika mu rwego rwo gufasha.
Turongera kugaragaza ikizere dufitiye "Eglise du Christ au Congo -ECC" n'abakorana nayo bose imbere mu gihugu no mu mahanga, cyane Bwana Kare Lode wo mu kigo gishinzwe umucokarande cy'ahitwa i Stavanger mu gihugu cya Norvège, kubera uruhare mu gufasha mu mibereho y'abarwanyi ndetse n'imiryango yabo bafashe iya mbere mu kwinjira muri iki gikorwa.

Hari abandi bayobozi bo muri Kongo babigizemo uruhare kandi bakomeje kubishyigikira. Aha turashimira ubwitange n'umutima wa kimuntu by'umujyanama udasanzwe wa Perezida wa Repubulika, Profeseri Lufunda Kaumba, umuhuzabikorwa w'iki gikorwa, n'ubwitange bwa Ambasaderi Ngueji Séraphin, intumwa idasanzwe y'umukuru w'igihugu (Ambassadeur Itinérant du Chef de l'Etat.)

Hanze y'igihugu cya Kongo, San Egidio, umuryango wa Kiriziya Gatorika, wagize uruhare ntabanduka kugira ngo dushobore kugera ku muhango wa none. Inshuro nyinshi twahuriye i Roma kugira ngo dushakire hamwe uburyo amahoro yagaruka mu karere. Mu izina ry'abarwanyi, ubuyobozi, no mu izina ryanjye bwite turashimira Musenyeri Matteo Zuppi wo mu muryango San Egidio, kandi tumusaba gukomeza igikorwa cyo gukangura abatarafata icyemezo cyo kwitabira iki gikorwa, kubigira vuba bakinjira mu nzira y'amahoro.

Mu kazi kabo katoroshye, MONUC, Komisiyo ihuriwemo n'impande zose zirebwa n'iki gikorwa, abaturage ba Kongo bahagarariwe n'Abami, Intumwa za rubanda mu rwego rw'igihugu (deputés nationaux), na Guverineri w'intara ya Kivu y'amajyaruguru, bose bakoze batizigamye, bagamije guteza imbere iyi nzira y'amahoro. Turabashimira.

Banyacyubahiro bayobozi ba Kongo,
namwe muhagarariye umuryango mpuzamahanga,

Nyuma y'imyaka igera kuri 14, impunzi z'Abanyarwanda zabaye mu mashyamba ya Kongo, bategereje ko umunsi umwe amahanga, ayobowe n'abantu bashyira mu kuri, bazagera aho bakumva ugutaka kwabo.
Muri iyo myaka 14 yose, impunzi z'Abanyarwanda zarahigwaga ngo bazimarire ku icumu zitagira kirengera, ahubwo zitwa abicanyi n'ibindi bibi byose.

Niyo mpamvu bamwe mu barwanyi bacu bakomoka mu moko yose boherejwe muri Kongo mu butumwa bwo kurengera impunzi.

Ubu noneho ubwo Guverinoma ya Kongo n'umuryango mpuzamahanga bageze ubwo bemera ko izo mpunzi nazo ari abantu bafite uburenganzira ntavuguruzwa bwokurengerwa no kurindwa, inshingano twari dufite kuri bamwe mu barwanyi bacu muri Kongo zirarangiye.
Turabasaba gufata izo nshingano zo kubungabunga umutekano w'abavandimwe bacu.

Mu by'ukuri umutwe wacu wa politiki wemera uburenganzira ku busugire bwa leta ya Kongo, tukaba rero dushyigikiye inzira y'amahoro n'umutekano mu karere dutuyemo muri rusange, no muri Kongo by'umwihariko.
Hagati aho, turizera ko uku gutanga intwaro bizatuma guverinoma ya Kigali itazongera kugira urwitwazo rwo guhungabanya umutekano wa Kongo, itwika kandi imena amaraso mu karere dutuyemo, nyamara kahoze karangwa n'amahoro.

Nyamara ariko, uku gutanga intwaro byatangiye none, ntabwo bihagarika urugamba rwo guharanira demokarasi n'ubwisanzure.
Mu gihe guverinoma y'u Rwanda yazakomeza kuba mudakozwa ibiganiro, urugamba ruzakomeza imbere mu gihugu. Niko bimeze kubera ko dufite uburenganzira bwo gukoresha uburyo bwose bushobotse twirengera, mu gihe umutekano wacu n'uwimpunzi aho ziri hose wahungabanywa na leta y'u Rwanda cyangwa imitwe yashyizeho hirya no hino.

Nibyo koko abarwanyi batanze intwaro n'impunzi barashaka gutaha mu Rwanda. Nyamara ariko abana b'u Rwanda bakomeje guhezwa hanze yarwo. Barakomanga ku rugi rw'igihugu dusangiye, hakabura ubaha "karibu" kubera ko guverinoma iriho mu Rwanda ifata impunzi ziri hirya no hino ku isi, ariko cyane iziri muri Kongo, nk'abantu babujijwe kwinjira mu gihugu cyabo.
Ibi nta banga ririmo kuko hashize hafi amezi atatu Kigali isohoye i lisiti ndende y'abantu 6997 ngo bakekwaho kuba barakoze jenoside.

Hari umuyobozi wo muri Leta y'u Rwanda wasobanuriye abanyamkuru ko abana bavutse ku mpunzi, bafite ingengabitekerezo ya jenoside.
Ni gutyo Kigali yongeye kwibutsa ko abo bose bategerejwe n'inkiko Gacaca. Bene iriya lisiti no gutuka impunzi bigaragaza ubushake bw'ubutegetsi buriho bwo kubona abarwanyi baharanira demokarasi batikirira muri gereza. Murumva mu gihe ibintu byifashe gutyo, abarwayi babyifatamo gute? Amahanga yo yafata ibyemezo kuri bene iryo terabwoba?

Mu by'ukuri, kuburizamo uburenganzira bw'ikiremwamuntu n'ihohoterwa nibyo byeze mu Rwanda, akenshi amahanga arebera. Abarwanyi bacu n'imiryango yabo ndetse, abashyigikiye imitwe yacu ya politiki batahutse mu Rwanda ku bushake bwabo cyangwa babihatiwe, bagiriwe ibya mfurambi ubundi barafungwa.
Gereza yiswe iya Mulindi, za kasho zo mu kigo cya Kami n'izo mu kigo cya Kimihurura n'andi mazu yiswe "Safe Houses" niho hafungiye abo bose batagira amadosiye kandi bataburanishwa.
Abashoboye kurekurwa babuzwa uburyo ijoro n'amanywa bahigwa n'abagize imitwe y'abagizi ba nabi ya FPR.

Niyo mpamvu dukomeje guhamya ko kugeza ubu, ibigomba gukorwa kugira ngo impunzi zitahuke kandi zinjizwe mu buzima bushya, bitarakorwa.

Aho duteraniye hano imbere y'umuryango mpuzamahanga, twongeye gusaba dukomeje Jenerali Paul Kagame tumubwira tuti: " Bwana Kagame, ugururа amarembo impunzi z'Abanyarwanda ziri ku isi yose zitahuke. "
Nk'impunzi y'Umunyarwanda ya cyera, uzi neza ibibazo byabo bya buri munsi.
Nka Perezida w'igihugu kandi, uri Nyirabayazana w'imibereho mibi yabo muri iki gihe. "

Uburyo rukumbi bwo kugururа amarembo , ni ukwiyemeza inzira y'ibiganiro.
Twe twiteguye guhura na guverinoma y'u Rwanda ku buryo butaziguye, cyangwa tubifashijwemo n'aba huza bigenga kandi batabogamye; kugira ngo dufatanye kurebera hamwe icyakorwa ngo habeho ibiganiro bya politiki hagati y'Abanyarwanda (Dialogue Inter-Rwandais.) Ibi biganiro nibyo byavana u Rwanda mu mayira abiri rurimo ndetse n'akarere dutuyemo.

Ubu bwega dutera dukangurira leta ya Kigali ntabwo ari ubwo kubaka u Rwanda rusa n'urwo mu bihe byahise, ahubwo ni ubwo kubaka igihugu aho abadukomokaho batazarangwa n'amacakubiri, igihugu aho abana bacu n'abuzukuru batazongera gushyamirana, komongana hirya no hino, ahubwo bakazarebera hamwe icyazabateza imbere binyuze mu nzira z'amahoro mu Rwanda, mu karere muri Afrika no ku isi.

Magingo aya, agapira kari mu kibuga cya guverinoma ya Kigali, ariko ndahamya uko muteraniye aha, mwe mugize umuryango mpuzamahanga, mufite uruhare rukomeye mu bigomba gukorwa. Mu Rwanda niho hari isoko y'ibibazo bitera impunzi, iki nicyo cyagiye gituma kandi n'ubu gituma abantu bahitamo gufata intwaro. Mushobora rero kugira uruhare mu kugarura amahoro mu karere, mwumvisha Bwana Paul Kagame na guverinoma ye kwemera ibiganiro bya politiki (Dialogue Inter-Rwandais,) nkuko mwagiye mubigenza mu bihugu hafi ya byose byo mu karere dutuyemo byazengerejwe n'intambara. Icyo nicyo cyagiye gituma kandi n'ubu gituma abantu bahitamo gufata intwaro.

Igihe mwakwatura mukagira muti: "Bwana Kagame, fungura amarembo impunzi zitahe, shyira imbere inzira y'ibiganiro, aho gushyira imbere imbunda, iterabwoba, guhohotera abaturage n'ibitero ku bihugu by'abaturanyi."
Mu gihe umuryango mpuzamahanga wabyifatamo gutyo, ntabwo byaba ngombwa ko impunzi n'Abanyarwanda bo mu gihugu bafata intwaro ngo baharanire demokarasi barwana inkundura.

Harakabaho amahoro mu karere k'ibiyaga bigari.
Ndabashimiye.

Bikorewe i Kasiki, Kivu y'amajyaruguru kuwa 31 Nyakanga 2008
Dr. Félicien Kanyamibwa
Umuhuzabikorwa w'Inteko y'Abaharanira Demokarasi

Kigali ihembera intambara mu karere: Jenerali Musare

Kuwa 31 Nyakanga 2008, ubwo i Kasiki haberaga umuhango ukomeye aho abarwanyi ba RUD/RPR batangaga intwaro baziha Leta ya Kongo imbere y'amahanga, havugiwe amagambo atandukanye. Uretse amagambo yavuzwe na Ministre Mbusa Nyamwisi ku ruhande rwa Guverinoma na Dr Kanyamibwa ku ruhande rwa RUD/RPR, abari aho bateze amatwi Jenerali Musare, Umugaba mukuru w'Imboneza. Muri iryo jambo, yagarutse ku mvano y'amahoro make mu karere dutuyemo, maze atunga urutoki Leta ya Kigali kuba ari nyirabayazana w'amahoro make n'intambara. Jenerali Musare yabivuze muri aya magambo:

Nyakubahwa Minisitiri w'ububanyi n'amahanga n'ubutwererane,

Namwe mwese muteraniye hano, abayobozi ba Kongo n'abahagarariye umuryango mpuzamahanga.

Mu izina ryanjye bwite no mu izina ry'abasirikare nyoboye, twishimiye kubakira hano mu nkambi ya Bunyandavu i Kasiki, aho twahisemo gushinga inkambi ya mbere izakusanyirizwamo abarwanyi b'imitwe ya politiki na gisirikare RUD/RPR.

Uyu ni umwanya kandi wo gushimira Imana yaturinze kugeza uyu munsi, mu gihe Guverinoma ya Kigali yari yarahigiye kuturimbura ifatanyije n'amacuti yayo.

Mwese mwigomwe igihe cyanyu maze mukora urugendo rurerure muza hano kwirebera ubwanyu itangizwa ry'igikorwa cyo gutanga intwaro ku bushake bw'abasirikare ba RUD/RPR.
Turabashimira rero kandi tubaha ikaze. Nagira ngo kandi mbasabe munyemerere mbagezeho muri make amateka ya hafi y'igikorwa cyatangijwe none.

Hari kuwa 24 Mutarama 2008, ubwo Nyakubahwa Mbusa Nyamwisi, Minisitiri w'ububanyi n'amahanga, aherekejwe na Guverineri wa Kivu ya ruguru n'abakozi ba MONUC, bazaga i Mbwamvinywa ku birometero 15 uvuye aha.

Icyabagenzaga, kwari ukudusobanurira gahunda yo gutanga intwaro, ku guhitamo gutaha ku bushake cyangwa kwimurirwa ahandi hatari mu ishyamba. Uwo munsi, nahise nemera icyo gitekerezo.

Nyakubahwa Minisitiri w'ububanyi n'amahanga n'ubutwererane,

Nyuma y'amezi 7 uvuye hano, twongeye guhurira i Bunyandavu kugira ngo twongere dushimangire ibyo nabasezeranyije kuwa 24 Mutarama 2008.

Mwe mwese muteraniye hano, mugiye kwibonera ubwanyu no kuba abahamya b'igikorwa cyo kwegeranya bamwe mu ba barwanyi bacu ndetse no gutanga itwaro ku bushake bw'abasirikare ba RUD/RPR. Iyi mihango ibiri niyo yerekana neza ubushake bw'abarwanyi bacu mu kwerekeza inzira y'amahoro. Mu karere dutuyemo kazengerejwe n'intambara z'urudaca zikomoka ahanini ku kibazo cy'u Rwanda.
Ntabwo bikiri ibanga, ubutegetsi buri i Kigali buhembera umwuka w'intambara n'ubushyamirane mu karere, bwanga ibiganiro n'abatavuga rumwe nabwo.

Kuri uyu munsi wa 31 Nyakanga 2008, twafashe icyemezo cyo gushyikiriza Guverinoma ya Kongo igice cya mbere cy'ibikoresho by'intambara mu rewego rwo gushyira mu bikorwa gahunda twatangarije i Kisangani kuwa 26 Gicurasi 2008.
Ibyo bikoresho bigizwe n'imbunda 47 harimo 2 za "mitralleuses" n'amasasu yazo.
Abantu binjiye mu nkambi ni 162.

Urwego rw'ubufatanye RUD/RPR rumaze gutera intambwe ikomeye muri icyo cyerekezo cy'amahoro. Turasaba dukomeje Guverinoma ya Kongo n'umuryango mpuzamahanga kotsa igitutu leta ya Kigali kugira ngo yemere ibiganiro bya politiki (Dialogue inter-Rwandais), byo byonyine bishobora gutuma amahoro asakara mu Rwanda by'umwihariko no mu karere k'ibiyaga bigari muri rusange. Ibi byatuma abanyarwanda bose bari mu buhungiro bataha mu cyubahiro, mu gihe abenshi muri twe, tukibuka ibyatubayeho i Kamina muri 2002.

Niyo mpamvu dusaba Guverinoma ya Kongo n'amahanga kudufasha kugira ngo hatazaba ibikorwa by'ubushotoranyi, by'iterabwoba, cyangwa by'agasuzuguro bya bamwe baba bagamije kutwanduriza isura ba gambiriye kuburizamo iyi nzira y'amahoro. Iyi nzira twatangiye, isaba ubwihangane n'ubwitange, niyo mpamvu nsaba ko igitutu n'iterabwoba bishyirwa ku barwanyi n'abayobozi ba politiki byahita bihagarara. Ndasaba kandi abo dukorana bose muri iki gikorwa, kuduha uburyo bwo gukoresha n'igihe gihagije kugira ngo dushobore gukangura abantu bacu ndetse n'indi mitwe y'Abanyarwanda kugira ngo tubumvishe kwinjira muri iyi nzira yo gushaka umuti w'amahoro ku kibazo cy'u Rwanda.

Ndabasaba kunyemerera kugira ngo ngire ubutumwa ngeza kuri Guverinoma y'u Rwanda:

U Rwanda ni igihugu cyacu dukunda.
Njye kimwe n'undi Munyarwanda wese dufite uburenganzira busesuye bwo kwisanzura mu burenganzira n'ibyiza bitatse igihugu no kukibamo mu mahoro.
Ndasaba abayobozi b'u Rwanda kumva impanuro bakagarura umwuka mwiza mu gihugu kugira ngo Abanyarwanda bari mu buhungiro batahe nta kwishisha ikibazo cy'umutekano.

Abayobozi b'u Rwanda nibasigeho gukomeza gusohora amalisiti ngo y'abakekwaho kuba barakoze ibyaha mu Rwanda kuko agamije gutera ubwoba no kubuza abantu uburyo.
Ayo malisiti ni ayo kudutesha agaciro kugira ngo tweguke kuri gahunda yacu yo gutaha mu cyubahiro.

Igihe cyose iyo abatavuga rumwe na leta bakorera hanze basabye umuti w'ikibazo cy'u Rwanda mu nzira y'amahoro, Kigali yihutira gusohora amalisiti ivuga ko ari ay'abakekwa ho uruhare muri jenoside, ndetse ikagera n'aho isohora impapuro zo Kubata muri yombi.

Twe abarwanyi ba RUD/RPR twiteguye gukorana n'ubutabera mpuzamahanga bugomba gucira imanza nta gutoranya, buri muntu wese wagize uruhare mu kaga kabaye muri 1994 n'ibindi byaha byakurikiyeho, kubera ko "GACACA", inkiko z'u Rwanda muri iki gihe usanga zigamije gucecekesha abatavuga rumwe n'ubutegetsi buriho.

Harakabaho amahoro mu karere k'ibiyaga bigari.
Ndabashimiye.

Jenerali Major Musare
Umugaba Mukuru wa AN-Imboneza

ABATWANDIKiYE:

Kugabana ubutegetsi: Umuti w'i kibazo cya Politiki kiri mu Rwanda.

Peter Gasore
Nyarugenge, Kigali
Umusomyi ukunda Ijwi r'Umucunguzi

Hano mu Rwanda, hari ikibazo cya politiki kirebana n'imiyoborere. Umutwe wa FPR-Inkotanyi uyobora igihugu wihariye byose uhereye ku myanya mu buyobozi, umutungo w'igihugu ndetse n'amasambu abaturage bigabaniye, ayo biguriye cyangwa ayo barazwe n'ababyeyi babo.

Mu by'ukuri, ikirushaho kubabaza no kurakaza Abanyarwanda ni uko iri gundira ry'ubutegetsi riri mu gihugu cyacu rikorwa n'abantu baruhekuye, aha turavuga Abanyarwanda bigize imbonera n'inyaryenge mu gusebya abandi. Muri rusange ikigamijwe n'izo nyaryenge zo muri FPR, ni ukwigizayo abandi mu micungire y'igihugu cyabo.

Ubu butagondwa n'ubwikanyize bwa Jenerali Kagame n'abo bafatanyije kuyobora igihugu, nibwo bwahagurukije abandi Banyarwanda kugira ngo barwane inkundura baharanira Ubumwe na Demokarasi mu Rwanda. Iyo nkubiri yo kubohoza u Rwanda ariko, yakomeje kwivangwamo n'ibihugu by'ibihangange bikigendera kuri politiki ya Mpatsibihugu. Uko byagenda kose ariko, nta gucika intege kuko abaharanira ukuri bashyigikiwe n'abaturage, bagera ku nshingano bihaye.

Abaharanira Ubumwe na Demokarasi mu Rwanda bagamije gusubiza abaturage ijambo. Ibi byashoboka mu gihe haba igabana ry'ubutegetsi kandi bugahabwa icyerekezo kijyanye n'amizero yabo y'ejo hazaza.

Mu bindi bihugu by'Afrika, hakomeje kuvugwa igabana ry'ubutegetsi hagati y'abahoze bashyamiranye.
Ibyabaye mu bihugu bya Kenya na Zimbabwe bikwiye no kuba mu Rwanda. Turasanga amahanga atari akwiye

gukomeza gutsindirira Abanyarwanda ubuyobozi batemera, ubuyobozi badashaka ndetse barwanya.

Birakwiye ko umuryango mpuzamahanga cyane ibihugu by'Afrika byashingira ku bushake no gushyira mu gaciro bya RUD/RPR n'intambwe y'amahoro bimaze gutera mu Nteko y'igihugu iharanira demokarasi (Conseil National pour la Démocratie).

Nk'uko bikomeje kugenda mu bindi bihugu rero, hano iwacu na Jenerali Kagame niyumve ko gukomeza kumena amaraso nta kivugo bizamuhesha mu nteko y'Abanyarwanda.
Kagame n'abamushyigikiye nibumve ko intambara imena amaraso, irasenya kandi izengereza abaturage. Ngirango ni muri urwo rwego twumvise kandi twakiriye neza igikorwa cya RUD/RPR cyo kwinjira mu nzira y'amahoro nk'uko byatangarijwe i Kasiki kuwa 31 Nyakanga 2008.

Urugamba rwo kubohoza u Rwanda rurakomeje.
Nk'uko twumvise Dr Kanyamibwa yarabigarutseho ubwo yari i Kasiki imbere y'umuryango mpuzamahanga, byaba byiza Bwana Kagame ashyize mu gaciro.
Nakomeza politiki ya kiboko n'iyo kurega agatuza, ingufu z'abarwanya igitugu yadukanye mu Rwanda tuzazashyirwa hamwe maze tumushire i runda maze twikomereza inzira igana demokarasi.

Twese rero dutere intero imwe tuti: Dufatane urunana turubohoze!